ITANGAZO RYO GUTANGA AKAZI

Umuryango AVEGA AGAHOZO urashaka gutanga akazi ku myanya ikurikira:

1.**Umuforomo(kazi) 1** ufite impamyabumenyi yo ku rwego rwa A1 cyangwa A2 mu rwego rw'igiforomo ; uzakorera muri Poste de Santé ihereye mu Karere ka Huye, Umurenge wa Mukura Akagali ka Mubumbano ku Impinganzima Hostel Huye-

INSHINGANO:

Ayobowe n'Umuhuzabikorwa w' IMPINGANZIMA Hostel y' i Huye, afite inshingano zikurikira :

- Kwakira no kuvura abarwayi
- Gusuzuma indwara umurwayi afite
- Kuzuza ifishi y'umurwayi
- Gusabira umurwayi ibizami byose bya ngombwa
- Gusobanurira umurwayi ibisubizo by'ibizami yafatiwe muri Laboratoire
- Kwandikira imiti umurwayi no kumusobanurira uko ayifata
- Guha umurwayi transfert ijya kwa muganga mukuru ku babigomba
- Kwita ku bikoresho yahawe mu kazi ashinzwe
- Kwita ku isuku y'aho akorera hose no kurara amazamu,
- Gukora rapports z'akazi yakoze
- Gukora rapports z'ukwezi, igihembwe ndetse n'umwaka

- Gukora indi milimo yose ahamagariwe gukora asabwe n'abakoresha

2. **Care giver 1** ufite impamyabumenyi yo ku rwego rwa A2 muri sciences Sociale ,mu burezi n'andi mashami yerekeranye nabyo nawe uzakorera ku Impinganzima Hostel Huye

Ayobowe n'Umuhuzabikorwa w'IMPINGANZIMA Hostel y' i Huye, afite inshingano zikurikira :

- Kugenzura aho ashinzwe hose ko hari isuku ihagije
- Kubaha no gukunda ababyeyi bose, baba abo bashinzwe n'abandi bo muri urwo rugo
- Kutarobanura ku butoni ababyeyi bose bagafatwa kimwe ntawe usumbijwe abandi
- Gutega amatwi ibyifuzo byabo akabishyikiriza abamukuriye kugirango bikemuke mu gihe we ntabushobozi afite bwo kubikemura.

- Kwihutira kuvuza ababyeyi mugihe barwaye bigakorerwa igihe
- Gukumira amakimbirane ashobora kuvuka hagati y'ababyeyi ashinzwe ndetse no kuyakemura igihe avutse afatanyije n'ubuyobozi bw'urwo rugo
- Gukumira icyo aricyo cyose cyahungabanya umutekano w'ababyeyi ashinzwe
- Gufasha ababyeyi bashinzwe kubahiriza amasaha yo gufata amafunguro, aya mu gitondo, aya saa sita n'aya nimugoroba
- Kwita ku babyeyi bafite ubumuga butabemerera gufatira ifunguro aho abandi bateraniye, bakabibashyira aho bari kandi ku gihe n'isuku nyinshi.
- Kurwanya ibiribwa cyangwa ibinyobwa byabikwa mu byumba by'ababyeyi kuko bigomba gufatirwa byose mu ruriro.
- Kwita ku babyeyi bashinzwe gufata ifunguro bandikiwe na muganga

- Gufasha abafite intege nke kugira isuku ku mubili n'aho bari hose
- Kwita ku mikoreshereze y'ibikoresho bahawe banabigirira isuku
- Gukora indi mirimo yose wasabwa n'umukoresha irebana n'Ababyeyi ashinzwe.

3. **Umujyanama w'ihungabana(Psychologis**t) **1** ufite impamyabumenyi yo mu rwego rwa A2 mu giforomo n'impamyabumenyi mu by'ihungabana

Ayobowe na Umuhuzabikorwa wa IMPINGANZIMA Hostel y' i Huye, afite inshingano zikurikira :

-Kuganiriza abafite ikibazo cy'ihungabana buri wese ukwe

- Gukora amatsinda bakoreramo ibirebana n'akazi ko kwita ku ihungabana

-Gufasha uwagize ikibzo cy'ihungabana kwiyakira

- Kumukorera ifishi

- Kumwitaho no kumukurikirana bihagije kugirango amufashe kuva muri icyo kibazo

-Gukora rapports z'ukwezi, z'igihembwe ndetse n'iz'umwaka

- Kudahutaza cyangwa ngo ahungabanye uwaje amugana

- Kubika ibanga ry'ibyo yaganiriye n'uwo yakiriye

- kwita ku bikoresho yahawe mu kazi akabikoresha neza

- Kubaha abamuyobora bose ndetse akubahana na bagenzi be bakorana

- Kwitabira inama z'akazi, amahugurwa ndetse na supervisions

-Gukora indi mirimo yose ahamagariwe gukora asabwe n'abakoresha be.

Abashaka gupiganira myanya yavuzwe haruguru basabwe kugeza urwandiko rusaba akazi rwandikiwe Umuyobozi w'Umuryango AVEGA-AGAHOZO ,ruriho umwirondoro ndetse na Fotokopi y'irangamuntu,bitarenze taliki ya 25/08/2017 isaa kumi n'imwe.Ibisobanuro birambuye murabisanga kuri Website ya AVEGA-AGAHOZO ikurikira: www.avega.org.rw; mugasoma munsi ya «Vacancies.

Kigali, 07/08/2017

MUKABAYIRE Valérie

Umuyobozi w'Umuryango AVEGA AGAHOZO

ITANGAZO RYO GUTANGA AKAZI

Umuryango w'Abapfakazi ba Jenoside "AVEGA AGAHOZO" ufite icyicaro cyawo gikuru i Remera, Kigali;Urashaka gutanga akazi ku mwanya w'Umuyobozi wa Centre d'Accueil(**Manager**) ihereye I Rwamagana Mu Ntara y'Iburasirazuba

Uwemerewe gupiganira uwo mwanya agomba kuba yujuje ibi bikurikira

Kuba afite impanyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza(A0) Mu mashami akurikira

- Hotel management, Business administration and other related field.
- .Kuba ari inyangamugayo,
- Kuba azi kwita no gufata neza abagana Centre d'Accueil cyangwa ibindi bigo by'ubucuruzi,
- Kuba azi ikinyarwanda,Icyongereza n'Igifaransa,
- Kuba azi gukoresha mudasobwa (word,excel,powerpoint…),
- Kuba afite uburambe mu kuyobora abakozi (Leadership skills),
- Kuba afite uburambe mu kuyobora amahoteri n'amaresitora.

INSHINGANO:

- Gukurikirana ibikorwa by'ubucuruzi bya CAAR
- Kwita no gukurikirana abakozi n'ishyirwamubukorwa ry'inshingano zabo
- Kuba umuvugizi wa CAAR no kuyimenyekanisha mu bakiriya
- Guharanira gutanga serivisi inoze kandi nziza
- Guharanira kuzamura umutungo wa CAAR no kuyiteza imbere

- Guhanga udushya no kwita kubintu bishobora gutuma CAAR igira isura nziza imbere y'izindi bihanganye ku isoko hagamijwe gushaka abakiriya(Marketing)

- Gutanga raporo y'ibikorwa n'iy'umutungo buri kwezi ndetsen'ikindi gihe bibaye ngombwa

Uwifuza gusaba aka kazi kandi wujuje ibisabwa,yageza dosiye ye igizwe n'ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Umuryango AVEGA AGAHOZO, Uumwirondoro we, na Fotokopi y'irangamuntu ku cyicaro gikuru cy'Umuryango AVEGA-AGAHOZO,giherereye I Remera mu Karere ka Gasabo,mu Mujyi wa Kigali bitarenze ku wa 18/08/2017.

Bikorewe i Kigali, kuwa 31/07/2017

MUKABAYIRE Valérie,

Umuyobozi w'Umuryango AVAGA AGAHOZO